# AMAKURU K'UBUKANGURAMBAGA BWEREKEYE k'UBURIGANYA NO KUBUKUMIRA, KURI HIAS KENYA RESETTLEMENT(GUTUZWA)

**HIAS ntabwo yihanganira uburiganya na ruswa.**
**Hias yiyemeje kurwanya uburiganya na ruswa hagamijwe kubungabunga ubusugire n'icyizere cy'inzira yo gutuzwa ariyo resettlement . impunzi iyo ari yo yose igerageza gukora uburiganya bujyanye na case ye yo gutuzwa (resettlement), irashobora kutemerwa burundu muri gahunda za resettlement kuri HIAS**

**Funded by:**

PRM

Welcome the stranger.
Protect the refugee.

## INGERO Z'UBURIGANYA / IMYITWARIRE IDAHWITSE

- Gutanga ibyemezo byubuvuzi byo kubesha
- Guhimba inyandiko cyangwa guhindura inyandiko zemewe kugira ngo ubeshye uwuriwe ,cyangwa abagize umuryango wawe.
- Gukabya, gusiba, guhimba cyangwa ubundi buryo bwo kwerekana uko bitari k'umiterere cyangwa ibisobanuro birambuye kubibazo ni cyifuzo cyo gukingirwa.
- Gutozwa uburyo bwo gutanga amakuru y'ibinyoma. gushyingirwa byavubavuba, umubano wikinyoma.
- Guhisha abagize umuryango kugirango bongere amahirwe ya resettlement.
- Ruswa-ituro, gutanga, gusaba, cyangwa kwakira ikintu icyo aricyo cyose cyagaciro kugirango bigire ingaruka nziza kugisubizo cya resettlement(gutuzwa)

## IRINDE WOWE N'UMURYANGO WAWE UBURIGANYA NO GUKORESHWA

- Amakuru yawe bwite hamwe ninyandiko zikuranga nibintu byingenzi bigomba guhora bibitswe neza kandi bikaba nibanga.
- **Mwitondere abantu nimbuga nkoranyambaga zisezeranya serivisi mugihe utanze amafaranga cyangwa amakuru yihariye -bashobora kuba arabariganya**
- **REKERAHO HANYUMA UTEKEREZE MBERE YO GUSANGIZA AMAKURU YAWE BWITE NIBYANGOMBWA BIKURANGA K'UMUNTU UWO ARI WE WESE**
- Gusa sangiza amakuru yawe bwite abakozi ba hias cyangwa ibigo bitanga ubufasha byizewe hamwe nabayobozi bizewe mugihe ubajijwe.
- Ntuzigere utanga amakuru yawe bwite kurubuga rusange hamwe nimbuga nkoranya mbaga zitizewe.

## KUGIRA IBANGA

Dosiye zose zo gutuzwa(resettlement) zitunganywa na hias zibikwa mwibanga rikomeye.

- HIAS izasaba impunzi zifite dosiye zatanzwe kugirango bahabwe resettlement, gushyira umukono k'unyandiko yemerera hias gusangiza amakuru yose n'inyandiko zabo zose hamwe nizumuryango wabo, n'abayobozi ba leta, ambasade na UNHCR.
- HIAS izasaba kandi impunzi zagaragaye ko zikwiye resettlement ko zasinya urupapuro rwabigenewe rwo kurwanya ruswa, no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina nirindi hohoterwa iryo ariryo ryose.

Impunzi ntizigomba kwishura amafaranga kugirango case yabo yoherezwe kuri hias kugira bakorerwe resettlement .imirimo yose itangwa na hias nabafatanyabikorwa bayo bayishyira mubikorwa K'UBUNTU. Nyamuneka menyesha hias niba hari ugerageza kwishyuza amafaranga kugira uhabwe resettlement.

## NIBA WABA UZI URI GUKORA UBURIGANYA, ARIBWO RUSWA , N'UBUNDI BURIGANYA UBWARIBWO BWOSE,YABA ARI MPUNZI CYANGWE UMUKOZI WA HIAS BIVUGE UNYUZE HANO:

- **Watwara ikirego ukagishira mugasanduka kibitekerezo kuri HIAS.**
- **Wahereza ikirego umukozi wa hias uwariwe wese kuri HIAS**
- **Ushobora no gushitsa ikirego aho aba kiriya bashira ibitekerezo kuri HIAS**
- **Uciye onlini kuri hias.ethicspoint.com**
- **Ushobora no kwandika email kuri ethics@hias.org**
- **Wahamagara kuri +1-888-559-8518.**

# AMAKURU KUBISUBIZO BIRAMBYE-GUTUZWA (RESETTLEMENT) KURI HIAS –KENYA

Hari ibisubizo bitatu bizwi birambye k'umpunzi aribyo:

- Kwisanga akaba umwe mubaturage bigihugu yahungiyemo.
- Gutaha ku bushake mu gihugu akomokamo
- No gutuzwa mu kindi gihugu cya gatatu kiza mwakira (resettlement).

Gutaha kubushake: Umuryango wimpunzi cyangwa umuntu ku giti cye ugaruka amahoro mugihugu bakomokamo.

Kuba umuturage aho wahungiye: Impunzi yinjira muri sosiyete akaba umwe mubaturage bigihugu yahungiyemo.

Gutuzwa (resettlement): Impunzi yimurirwa kuva mu gihugu cy'ubuhungiro ikajyanwa mu kindi gihugu cyemeye kubakira  no kubaha gutura burundu.

**Funded by:**

PRM

HIAS
Welcome the stranger.
Protect the refugee.

## ICYO NKWIYE KUMENYA KUBIJYANYE NINZIRA YO GUTUZWA MUKINDI GIHUGU

Inzira yose yo kwimurwa ugatuzwa mukindi gihugu(resettlement) iragoye kandi irimo intambwe nyinshi, bifata igihe kirekire. impunzi (abasaba) rero bagomba kwihangana mugihe case yabo ikirimo itunganywa.

Ukurikije inzira zisanzweho, hias ntabwo yemera ko impunzi isaba gutuzwa (resettlement)kugiti cyayo.

HIAS ifata icyemezo cyo kwohereza dosiye yo gutuzwa(resettlement), nyuma yo gukora isuzuma ryimbitse ryumukuru wa dosiye numuryango we muburyo bwihariye.

Ni ngombwa cyane ko amakuru yatanzwe ari ukuri, asobanutse, aboneye, kandi yuzuye. igihugu kizatuzwamo impunzi, kizashingira kuri aya makuru mugihe basuzuma dosiye yawe, bagenzura niba byizewe, no kumenya niba wemerewe gutuzwa mur'icyo gihugu.

Kubera iyo mpamvu, ugomba kuvugisha ukuri mugihe cyose ubajijwe muri za interiviyu kandi ntugahishe amakuru ayariyo yose ashobora kuba afite akamaro kuri dosiye yawe yogutuzwa (resettlement)

Iyo hatoranywa impunzi zishobora kwoherezwa, hias yibanda ku mpunzi zifite ibibazo byihariye byo gukingirwa, naba babaye cyane, kandi zujuje ibisabwa bigenderwa kugirango utuzwe.

Ugomba, ariko, kumva ko kumenya impunzi ibabaye cyane muburyo bwose, bidasobanura ko byanze bikunze impunzi yemerewe cyangwa ikeneye gutuzwa(resettlement). gutuzwa ni uburyo bumwe murinyinshi hias,inyuzamo mugukemura  ibibazo by'impunzi.

## Nshobora gusaba gutuzwa(resettlement) binyuze muri za ambasade?

oya. niba ari ibyerekeye gutuzwa ibihugu bishaka kwakira impunzi zigatuzwa ,bivugana na hias

## Bifata igihe kingana iki hagati yokubazwa interviyu ya (resettlement)nigihe cyo kugenda?

Inzira yose yo  gutuzwa(resettlement) iragoye kandi ifata igihe kirekire. dosiye ziratandukanye kandi zigakorwa mubihe bitandukanye bitewe nimpamvu nyinshi.
impunzi zifite dosiye zatanzwe kugirango zikorerwe gahunga yo gutuzwa (resettlement) zigomba kwihangana mugihe dosiye yabo ikirimo itunganywa .Bishobora gufata umwaka umwe cyangwa ibiri, cyangwa rimwe na rimwe bigatinda, kugirango hafatwe icyemezo cya nyuma kugira ngo bajye mu gihugu cy'emeye kubakira.